**Repubulika y'u Rwanda**
**Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga**
**Ibidukikije (REMA)**

**Amasezerano Mpuzamahanga ku**
**Mihindagurikire y'Ibihe**

**Itangazo Rigenewe Abanyamakuru**
**Kigali, kuwa 24 Werurwe 2016**

**U Rwanda ruzakira inama nyafurika mu bijyanye n'imyuka yangiza ikirere**

U Rwanda ni rwo rwatoranyijwe ngo ruzakire inama ngarukamwaka ya munani igamije kuganira ku guteza imbere amajyambere atangiza ikirere muri Afurika; inama yateguwe n'Ubunyamabanga bw'Amasezerano Mpuzamahanga ku Mihindagurikire y'Ibihe (UNFCCC mu mpine z'Icyongereza) bufatanyije n'Ikigo cy'Umuryango w'Abibumbye Gishinzwe Ibidukikije (UNEP), Banki y'Isi, Banki Nyafurika itsura Amajyambere (AfDB) n'abandi bafatanyabikorwa.

Iyi nama izateranira i Kigali kuva kuwa 28 kugeza kuwa 30 Kamena 2016, ikaba izitabirwa n'abantu barenga 600 barimo impuguke mu bijyanye n'imihindagurikire y'ibihe n'imyuka yangiza ikirere, abashyiraho za politiki, na barwiyemezamirimo baturutse mu bihugu by'Afurika.

Iyi nama izaganira ku bijyanye n'imishinga, gahunda ndetse n'amahirwe y'ishoramari agaragara mu guteza imbere amajyambere atangiza ikirere kandi adahungabanywa n'imihindagurikire y'ibihe muri Afurika, harimo nka Gahunda yo Gukwirakwiza Ingufu ziva ku masoko adakama muri Afurika na Gahunda yo Guhangana n'Ingaruka z'Imihindagurikire y'Ibihe no Gusubiranya Ibyangijwe na zo muri Afurika.Iyi nama kandi izaganira ku buryo ibihugu by'Afurika byabona amafaranga yo gukoresha muri gahunda zo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

U Rwanda rwatoranyijwe ngo ruzakire iyi nama kubera imbaraga rwashyize mu kubungabunga ibidukikije no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe, ndetse n'ubunararibonye igihugu kimaze kugira mu gutegura inama zo ku rwego rwo hejuru nk'iyi.

Ejo tariki ya 23 Werurwe 2016, Leta y'u Rwanda ihagarariwe n'Umuyobozi Mukuru Wungirije mu Kigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije, Eng.Coletha Ruhamya,yasinyanye Amasezerano y'Ubufatanye n'uhagarariye Ubunyamabanga bwa UNFCCC James Grabert. Aya masezerano akaba akubiyemo amabwiriza Leta y'u Rwanda n'ubu Bunyamabanga bemeranyije ku bijyanye no gutegura no kwakira iyi nama.

James Grabert Ushinzwe Gahunda yo Guteza Imbere Amajyambere Arambye mu Bunyamabanga bwa UNFCCC ejo yaragize ati"*Ubunyamabanga bwa UNFCCC burashimira u Rwanda kuba rwaremeye kwakira iyi nama. Iyi nama tuyitezeho byinshi.*"

Mu muhango wo gusinya aya masezerano Eng.Coletha Ruhamya yagize ati" *Kwakira iyi nama ni ishema ku Rwanda kandi ni amahirwe tuzaba tubonye yo kugeza ku bihugu dusangiye umugabane (Afurika) ibyo twagezeho mu guteza imbere amajyambere atangiza ikirere.Tuzakora uko dushoboye kose kugira ngo iyi nama izagende neza cyane*."

Nyuma yo gusinya aya masezerano, uhagarariye Ubunyamabanga bwa UNFCCC,James Grabert, ejo yasuye Minisitiri w'Umutungo Kamere, Dr.Vincent Biruta, baganira ku byo abategura iyi nama biteze ku Rwanda, cyane cyane mu bijyanye no gushishikariza abafanyabikorwa  ku rwego rw'igihugu na mpuzamahanga kwitabira iyi nama.

Kwakira iyi nama ni amahirwe u Rwanda rubonye yo kugeza ku bindi bihugu by'Afurika ndetse n'Isi yose gahunda zashyizweho zigamije kugabanya imyuka yangiza ikirere,harimo gahunda yo kugenzura imyuka yangiza ikirere isohorwa n'ibinyabiziga ndetse n'imashini zikoresha ibikomoka kuri peteroli.
Uzaba kandi ari umwanya wo kugeza ku bindi bihugu ibikorwa by'Ikigega cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije no Guhangana n'Imihindagurikire y'Ibihe (FONERWA), dore ko iki kigega ari cyo cya mbere kinini cyo muri ubu bwoko muri Afurika,kikaba gitera inkunga imishinga yo gukumira no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

Iyi nama ngarukamwaka y'impuguke mu bijyanye n'imihindagurikire y'ibihe n'imyuka yangiza ikirere muri Afurika yabaye bwa mbere mu mwaka w'2008, kuva ubwo ikaba ikorwa buri mwaka.
Iyi nama ihuza impuguke mu bijyanye n'imyuka yangiza ikirere, abashyiraho za politiki muri Afurika, abashoramari na barwiyemezamirimo baturutse mu bihugu by'Afurika,bakungurana ibitekerezo ku bumenyi bushya ndetse n'amahirwe y'ibyo bageraho bafatanyije gushyira mu bikorwa gahunda zo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe ku rwego rw'Afurika ndetse n'Isi muri rusange.

**Amafoto n'ibindi bisobanuro:**

- Ibindi bisobanuro kuri iyi nama mwabisanga kuri www.africacarbonforum.com
- Kanda hano urebe amafoto y'umuhango wo gusinya Amasezerano y'Ubufatanye mu gutegura iyi nama, hagati ya Leta y'u Rwanda n'Ubunyamabanga bwa UNFCCC.
- Mwifuza "interviews" cg ibindi bisobanuro mwahamagara Clarisse Kawera, "Communications & Public Relations Officer", Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije (REMA) kuri *+250 788 273 000* cg mukamwandikira kuri ckawera@rema.gov.rw.